

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

ITEGEKO N° 59/2017 RYO KU WA 24/1/2018 RIGENGA UBURYO BWO KURINDA INGARUKA Z'IMIRASIRE YANGIZA	LAW N°59/2017 OF 24/1/2018 GOVERNING RADIATION PROTECTION	LOI N°59/2017 DU 24/1/2018 RÉGISSANT LA RADIOPROTECTION
---	--	--

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE
DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO
RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE
KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA
LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND
ORDER IT BE PUBLISHED IN THE
OFFICIAL GAZETTE OF THE
REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET
NOUS SANCTIONNONS,
PROMULGUONS LA LOI DONT LA
TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo
ku wa 4 Ukuboza 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of
4 December 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du
4 décembre 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya
Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003
ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 22, iya 45, iya 53, iya 64,
iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya
106, iya 120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the
Republic of Rwanda of 2003 revised in
2015, especially in Articles 22, 45, 53, 64,
69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 22, 45, 53, 64,
69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

Ishingiye kuri Sitati y'Ikigo Mpuzamahanga mu by'Ingufu Atomike yashyiriweho umukono i New York, ku wa 23 Ukwakira 1956 nk'uko yavuguruwe, kandi nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 124/01 ryo ku wa 15/12/2011;

Pursuant to the Statute of International Atomic Energy Agency signed in New York, on 23 October 1956 as amended, and as ratified by Presidential Order n° 124/01 of 15/12/2011;

Vu le Statut de l'Agence Internationale de l'Energie Atomique signé à New York, le 23 octobre 1956, tel qu'amendé, et tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 124/01 du 15/12/2011;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye Kurinda Ibikoresho bya Nikeleyeri yo ku wa 26 Ukwakira 1979 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 19/01 ryo ku wa 01/10/2001;

Pursuant to the Convention on the Physical Protection of Nuclear Material of 26 October 1979 as ratified by Presidential Order n° 19/01 of 01/10/2001;

Vu la Convention sur la Protection Physique des Matières Nucléaires du 26 octobre 1979 tel que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 19/01 du 01/10/2001;

Ishingiye ku Masezerano hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigo Mpuzamahanga mu by'Ingufu Atomike hagamiywe ikoresha ry'amahame mpuzamahanga yo kurinda ingaruka z'imirasire yangiza n'Amasezerano yo Guhagarika Ikwirakwizwa n'Ikoresha ry'Intwari za Kirimbuzi yashyiriweho umukono Arusha ku wa 12 Ugushyingo 2009 n'i Vienne ku wa 18 Ugushyingo 2009 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 07/05/2010;

Pursuant to the Agreement between the Republic of Rwanda and the International Atomic Energy Agency for the application of safeguards in connection with the Treaty on the Non-Proliferation of Nuclear Weapons and related Protocols signed in Arusha on 12 November 2009 and Vienna on 18 November 2009 as ratified by Presidential Order n° 27/01 of 07/05/2010;

Vu l'Accord conclu entre la République du Rwanda et l'Agence Internationale de l'Energie Atomique pour l'application des garanties dans le cadre du Traité sur la Non-prolifération des Armes Nucléaires et des Protocoles connexes, signé à Arusha le 12 novembre 2009 et à Vienne le 18 novembre 2009 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 07/05/2010;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i Montréal yerekeye Imyuka Ihumanya Akayunguruzo k'Imirasire y'Izuba yashyiriweho umukono i Londres (1990), Copenhagen (1992), Montréal (1997), Beijing (1999), cyane cyane mu ngingo

Pursuant to Montreal International Convention on Substances that Deplete the Ozone Layer, signed in London (1990), Copenhagen (1992), Montreal (1997), Beijing (1999), especially in Article 2 of London amendments, and Article 3 of

Vu la Convention Internationale de Montréal relative à des substances qui appauvrissent la couche d'ozone, signée à Londres (1990), Copenhagen (1992), Montréal (1997), Beijing (1999), spécialement en son article 2, des

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

yayo ya 2 y'Ubugororangingo bw'i Londres n'ingingo ya 3 y'Ubugororangingo bw'i Copenhagen, Montréal na Beijing, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 30/01 ryo ku wa 24 Kanama 2003 ryerekeranye no kuba Umunyamuryango kwa Leta y'u Rwanda;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i Bâle yerekeye Imicungire y'Imyanda Irenge Imipaka kandi Ihumanya ndetse n'uko ivanwaho, nk'uko yemejwe i Bâle ku wa 22 Werurwe 1989 ndetse n'Iteka rya Perezida n° 29/01 ryo ku wa 24 Kanama 2003 ryemeza ko u Rwanda rubaye Umunyamuryango.

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga imikoreshereze, imicungire n'igenzura by'ibikorwa bifatanye isano n'imirasire yangiza, hagamijwe kurinda abantu, urusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije ingaruka

Copenhagen, Montreal and Beijing amendments as ratified by Presidential Order n°30/01 of 24 August 2003 related to the membership of Rwanda;

Pursuant to the Basel Convention on the Control of Trans-boundary Movements of Hazardous wastes and their disposal as adopted at Basel on 22 March 1989, and approved by Presidential Order n° 29/01 of 24 August 2003 approving the membership of Rwanda;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law governs the use, management and regulation of ionising radiations related activities to ensure protection of people, biodiversity and the environment from ionising radiations adverse effects by

amendements de Londres et de l'article 3 des amendements de Copenhague, Montréal et de Beijing telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 30/01 du 24 août 2003 portant adhésion du Rwanda;

Vu la Convention de Bâle sur le Contrôle des Mouvements Transfrontaliers des Déchets Dangereux et de leur élimination, adoptée à Bâle le 22 mars 1989 et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 29/01 du 24 août 2003 portant adhésion du Rwanda ;

ADOpte:

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi régit l'utilisation, la gestion et la régulation des activités liées aux rayonnements ionisants, pour assurer la protection des personnes, de la biodiversité et de l'environnement contre les effets

z'imirasire yangiza, hafatwa ingamba zo gusuzuma no guhangana n'ibibazo byaterwa n'ibikorwa bifitanye isano n'imirasire yangiza.

assessing and managing the risks posed by ionising radiations related activities.

indésirables des rayonnements ionisants en évaluant et en gérant les risques posés par les activités en rapport avec les rayonnements ionisants.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

Article 2: Champ d'application de la présente loi

Iri tegeko rireba:

This Law applies to:

La présente loi s'applique à:

1° imicungire y'imyanda yifitemo imirasire yangiza ikomoka ku bintu bikorehwa mu rwego rwa gisiviri;

1° the management of radioactive waste resulting from civilian applications;

1° la gestion des déchets radioactifs résultant des applications civiles;

2° igenzura n'imicungire y'ikorehwa ry'imirasire yangiza mu buryo butagamije intambara harimo gukora, gutunga, gukoresha, kwinjiza mu gihugu no kohereza mu mahanga, gutwara, guhererekanya, gutunganya no gucunga cyangwa ibindi bikorwa bifitanye isano byemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

2° the regulation and management of the peaceful use of ionising radiations including the production, possession, use, import, export, transportation, transfer, handling and management, or other related activities or practices approved by the Regulatory Authority.

2° la régulation et la gestion de l'utilisation pacifique des rayonnements ionisants, y compris la production, la possession, l'utilisation, l'importation, l'exportation, le transport, le transfert, la gestion, ou d'autres activités et pratiques connexes approuvées par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

In this Law, the following terms are defined as follows:

Dans la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit:

1° **Amasezerano yerekeye ingamba zo kwirinda n’umugereka wayo:** Amasezerano yashyizweho umukono hagati ya Leta y’u Rwanda n’Ikigo Mpuzamahanga mu by’Ingufu Atomike (IAEA) mu byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry’Amasezerano yo Guhagarika Ikwirakwizwa n’Ikoreshwa ry’Intwara za Kirimbu;

2° **ibikoresho bibyara imirasire yangiza:** ibintu byose byifashishwa mu mikoreshereze cyangwa imikorere ibyara imirasire yangiza, harimo ibyifitemo cyangwa ibibyara imirasire yangiza ubwabyo n’ikindi kintu cyose cyifashishwa mu gushyigikira cyangwa gukingira ibyo bintu bikoresha cyangwa bibyara imirasire yangiza;

3° **ibikorwa bifitanye isano n’imirasire yangiza:** gutegura, gukora, kubaka, gutumiza no kohereza mu mahanga, gukwirakwiza, gutira no kuguriza, kugurisha, kwemeza no gusesa ikoreshwa, imikorere n’imikoreshereze, gufata neza, gusana, guhererekanya, cyangwa

1° **safeguards agreement and additional protocol:** the Agreement between the Republic of Rwanda and the International Atomic Energy Agency (IAEA) for the Application of Safeguards in connection with the Treaty on the Non Proliferation of Nuclear Weapons;

2° **ionising radiations equipment:** any equipment or machinery associated with the use or operation of an ionising radiations source, including the ionising radiations sources themselves and any structure used to support or shield such equipment, machinery or ionising radiations sources;

3° **ionising radiations related activities:** the design, manufacture, construction, import and export, distribution, loan, sell, approve or revoke the use and operation, maintenance, repair, transfer, commissioning and decommissioning or possession of ionising radiations sources for

1° **Accord des garanties et protocole additionnel:** l’accord conclu entre la République du Rwanda et l’Agence Internationale de l’Energie Atomique (IAEA) pour l’application des garanties en relation avec le Traité sur la Non-prolifération des Armes Nucléaires ;

2° **équipement de rayonnements ionisants:** tous les équipements ou machines associés à l’utilisation ou à l’exploitation des sources de rayonnements ionisants, y compris les sources de rayonnements ionisants elles-mêmes et toute autre structure utilisée comme support ou protection de tels équipements, machines ou sources de rayonnements ionisants ;

3° **activités liées aux rayonnements ionisants:** la conception, la fabrication, la construction, l’importation et l’exportation, la distribution, le prêt, la vente, l’approbation ou la révocation de l’usage et de l’exploitation, l’entretien, la réparation, le transfert, la mise en service et le

gutunga ibintu byifitemo cyangwa bibyara imirasire yangiza igamije gukoreshwa mu nganda, mu burezi, mu bushakashatsi, mu buhinzi n'ubuvuzi; gutwara ibikoresho byifitemo imirasire yangiza, ubucukuzi bw' amabuye y'agaciro n'itunganywa ryayo; ifungwa burundu ry'inyubako n'ibikorwa bifitanye isano, gusukura uduce twagezweho n'ingaruka z'ibisigazwa by'ibikorwa bya kera; n'ibikorwa byo gucunga imyanda yifitemo imirasire yangiza nko gusukura imiyoboro byagezemo; cyangwa n'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kibyara imirasire yangiza nk'uko biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye ingamba zo kurinda ingaruka z'imirasire yangiza;

4° **ibipimo bikabije by'imirasire yangiza:** imirasire yangiza irenze igipimo ntarengwa ku muntu utari umurwayi urimo gukorerwa isuzuma mu rwego rwo kumuvura cyangwa kumusuzuma hakoreshejwe iyo mirasire yangiza;

5° **ibipimo ntarengwa:** ingano y'imirasire yangiza igenwa

industrial use, education, research, agriculture and medical purposes; transport of radio-active material; the mining and processing ores; the closing down of associated facilities; the clean-up of sites affected by residues from past activities; and radio-active waste management activities such as the discharge of effluent; any activity involving nuclear material as defined in the safeguards agreement;

4° **overexposure:** exposure of a person, other than a patient undergoing medical examination or treatment, to radiation in excess of the dose limits of that form of ionising radiations;

5° **dose limits:** dose of an ionising radiations fixed by the Regulatory

démantèlement ou la possession de sources de rayonnements ionisants à des fins industrielles, d'éducation, de recherche, d'agriculture et de médecine; le transport de matériel radioactif; l'extraction minière et le traitement des minerais; la fermeture des installations associées; le nettoyage des sites affectés par les résidus d'activités passées; et les activités de gestion des déchets radioactifs tels que la décharge des effluents; toute activité impliquant des matières nucléaires tel que défini dans l'accord de garanties;

4° **surexposition:** l'exposition d'une personne, autre qu'un patient subissant un examen médical ou un traitement, aux rayonnements ionisants dépassant les limites de la dose de cette forme de rayonnements ionisants ;

5° **limites de dose:** la dose de rayonnements ionisant fixée par

- | | | |
|--|---|--|
| <p>n'Urwego Ngenzuramikorere
nk'igipimo cyo hejuru ntarengwa
kitakwangiza ubuzima hashingiwe
ku mabwiriza atangwa n'abahanga
mu rwego rwa siyansi;</p> | <p>Authority as a maximum to which a
person may be exposed based on
scientific recommendations;</p> | <p>l'Autorité de Régulation en tant
que niveau maximal auquel une
personne peut être exposée en
fonction de recommandations
scientifiques;</p> |
| <p>6° ikintu cyifitemo cyangwa kibyara imirasire yangiza: ikintu cyose gishobora kubyara imirasire yangiza cyaba ikiyikwirakwiza, ikiyohereza, cyangwa cyohereza udushashi twifitemo iyo mirasire yangiza kandi bikaba bishobora gufatwa nk'ikintu kimwe ku mpamvu zo kurinda no kwikingira ingaruka zayo ;</p> | <p>6° ionising radiations source: anything that may cause ionising radiations exposure either by emitting ionising radiations or by releasing radioactive substances or material and can be treated as a single entity for protection and safety purposes;</p> | <p>6° source de rayonnements ionisants: tout ce qui peut causer une exposition aux rayonnements ionisants en émettant ces rayonnements ou en libérant des substances ou des matières radioactives et pouvant être traité comme une seule entité à des fins de protection et de sécurité ;</p> |
| <p>7° ikintu cyifitemo imirasire yangiza: ikintu icyo ari cyo cyose cyifitemo mu miterere yacyo imirasire yangiza harimo utuvungukira tudatyaye ariko dushobora kwangiza ku buryo bwateza impanuka ikomeye yatera ubumuga cyangwa uburwayi bwakomoka kuri iyo mirasire yangiza;</p> | <p>7° radioactive material: any material emitting ionising radiations including neutrons as to entail significant risk of disability or disease as a result of exposure;</p> | <p>7° matériel radioactif: tout matériel émettant des rayonnements ionisants, y compris des neutrons qui peuvent entraîner un risque grave d'invalidité ou une maladie suite à cette exposition;</p> |
| <p>8° ikomereka: iyangirika
ry'uturemangingo cyangwa
ingirabuzimafatizo;</p> | <p>8° injury: cellular or genetic damage;</p> | <p>8° lésions: le dommage cellulaire ou génétique;</p> |

9° **imirasire yangiza:** ingufu rukuruzi, utuvungukira duto twa atome cyangwa udushashi nikeleyeri dufite ubushobozi bwo gutuma atome itanga imirasire yangiza;

10° **imyanda yifitemo imirasire yangiza:** ikintu cyose cyifitemo imirasire yangiza kidateganywa kongera gukoreshwa ;

11° **inyandiko ngengamikorere:** inyandiko itegurwa na nyir' igikorwa cyangwa umukoresha kugira ngo itange amakuru ku bakozi no ku bandi bantu ku mikorere y'inyubako zikorerwamo ibikorwa bibyara imirasire yangiza n'imikoreshereze y'ibikoresho byifitemo cyangwa bibyara imirasire yangiza mu buryo budateza ingaruka;

12° **inyigo y'ibanze y'ahantu hazacukurwa:** inyigo igaragaza imiterere ifitanye isano n'imirasire yangiza ku hantu hagiye gucukurwa amabuye y'agaciro, iby'ingenzi byakwitabwaho, igatanga amakuru ku bipimo by'imirasire yangiza bishobora

9° **ionising radiations:** electromagnetic energy, atomic particles or nuclear particles that are capable of ionising atoms;

10° **radioactive waste:** any ionising radiations source for which no further use is foreseen;

11° **code of practice:** a document prepared by an owner or employer to provide information to workers and other persons concerning the safe operation of ionising radiations facilities, ionising radiations equipment or ionising radiations sources;

12° **baseline environmental survey for a mining area:** a survey that indicates what the current radiological profile of a mining area is and provides key parameters to which specific attention should be paid as well as information on the expected harmful doses that

9° **rayonnements ionisants:** l'énergie électromagnétique, les particules atomiques ou particules nucléaires capables d'ioniser des atomes;

10° **déchets radioactifs:** toute source de rayonnements ionisants pour lesquelles aucune autre utilisation n'est envisagée;

11° **code de pratique:** un document préparé par un propriétaire ou un employeur pour fournir des informations aux travailleurs et aux autres personnes concernant le fonctionnement sécurisé des installations aux rayonnements ionisants, du matériel émettant des rayonnements ionisants ou des sources de rayonnements ionisants;

12° **étude environnementale préliminaire d'un site minier:** une étude qui indique la situation radiologique actuelle d'un site minier et renseigne sur tout paramètre clé nécessitant une attention particulière tout en fournissant des informations sur les

kwangiza abakozi n'abandi bantu bose ikanerekana uburyo bukwiye bwifashishwa mu ikurikiranwa ry'ibikorwa bikurikiraho;

employees and public might be exposed to and informs the optimisation choices and monitoring regimes that will be needed in the following phase;

doses nuisibles éventuelles auxquelles les employés et le public pourraient être exposés et en informe les choix d'optimisation et les moyens de surveillance appropriés dans la phase suivante;

13°inyubako ikorerwamo ibikorwa bibyara imirasire yangiza: ahantu hose hubatswe cyangwa hashyirwa igikorwa kigenewe kubyara imirasire yangiza, ibirombe bicukurwamo amabuye y'agaciro, ahateretse imashini zitunganya ayo mabuye, ibigo bitunganyirizwamo imyanda n'ahandi hantu hose hakorerwa, hatunganyirizwa, hakoresherezwaga, haterurirwa, hahunikwa cyangwa hatwikirwa ibikoreshe byifitemo imirasire yangiza, ku kigero gisaba ko habaho uburyo bwo kwirinda no gucunga umutekano;

13°ionising radiations facility: any irradiation installations, mining and milling facilities, waste management facilities and any other place where radioactive materials are produced, processed, used, handled, stored or incinerated or where ionising radiations generators are installed on such a scale that consideration of protection and safety is required;

13°infrastructure de rayonnements ionisants: toute unité d'installation d'irradiation, usines d'exploitations et de traitement miniers, installations de gestion des déchets et tout autre endroit où les matières radioactives sont produites, traitées, utilisées, manipulées, stockées, incinérées ou tout endroit où les générateurs de rayonnements ionisants sont installés à un niveau qui requiert les mesures de protection et de sécurité;

14°kurinda ingaruka z'imirasire yangiza: kurinda abantu, urusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije ingaruka zituruka ku mirasire yangiza n'uburyo bwo kubigeraho;

14°radiation protection: the protection of people, biodiversity and environment from harmful effects of exposure to ionising radiations, and the means for achieving this;

14°radioprotection: la protection des personnes, de la biodiversité et de l'environnement contre les effets nocifs d'une exposition aux rayonnements ionisants, et les moyens d'assurer cette protection;

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

15° **ufite uruhushya** : umuntu wahawe uruhushya rwo gukora igikorwa kijyanye n'imirasire yangiza;

15° **licensee**: a person to whom license has been issued to carry out any activity involving ionising radiations sources;

15° **détenteur de licence**: une personne à qui une licence a été délivrée pour effectuer une activité impliquant des sources de rayonnements ionisants;

16° **umukoresha**: umuntu wese ukoresha cyangwa utanga serivisi zifitanye isano n'ibikorwa bibyara imirasire yangiza;

16° **employer**: any person who employs or provides services related to ionising radiations activities;

16° **employeur**: toute personne qui emploie ou fournit des services liés aux activités de rayonnements ionisants;

17° **umukozi**: umuntu wese ukorera umukoresha utanga serivisi zifitanye isano n'ibikorwa bibyara imirasire yangiza;

17° **employee**: any person who is employed by an employer that provides services related to ionising radiations activities;

17° **employé**: toute personne qui travaille pour un employeur qui fournit des services liés aux activités de rayonnements ionisants;

18° **umukozi ushinzwe igenzura**: umukozi w'Urwego Ngenzuramikorere wahawe inshingano zo kugenzura ibikorwa bivugwa muri iri tegeko;

18° **inspection officer**: an official of Regulatory Authority entrusted with the responsibility of inspection of activities referred to in this Law;

18° **agent d'inspection**: un agent de l'Autorité de Régulation chargé de faire l'inspection des activités visées par la présente loi;

19° **umuntu**: umuntu ku giti cye, ishyirahamwe, sosiyete cyangwa ikigo cyose gifite ubuzimagatozi bifite aho bihurira ku buryo buziguye cyangwa butaziguye n'ibikoresho bibyara cyangwa byifitemo imirasire yangiza;

19° **person**: an individual and an association, a company or any other legal entity that is directly or indirectly in connection with ionising radiations equipment or source;

19° **personne** : une personne physique, une association, une société ou toute autre personne morale qui est directement ou indirectement liée à un équipement ou une source de rayonnements ionisants ;

20° **uruhushya**: inyandiko itangwa

20° **license**: a document issued by the

20° **licence**: un document délivré par

n'Urwego Ngenzuramikorere yemerera uwayihawe gutunga ibishobora kubyara imirasire yangiza cyangwa gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye n'imirasire yangiza;

Regulatory Authority that grants permission to own radiation sources or to carry out any activity involving ionising radiations sources;

l'Autorité de Régulation qui accorde l'autorisation de posséder des sources de rayonnements ionisants ou de mener toute activité impliquant des sources de rayonnements ionisants;

21° **urutonde rw'Igihugu:** ububiko shingiro bw'Igihugu burimo ibitabo, inyandiko n'urutonde rw'ibikorwa n'ibikoresho bibyara cyangwa byifitemo imirasire yangiza;

21° **national register:** national database containing registers, records and inventories of radiation sources and any activity or event related to ionising radiations;

21° **registre national:** base de données nationale contenant des registres, des documents et des inventaires des sources de radiation et de toute activité ou événement lié aux rayonnements ionisants;

22° **Urwego Ngenzuramikorere:** urwego rufite mu nshingano zarwo kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro cyangwa urundi rwego rwashyirwaho n'itegeko.

22° **Regulatory Authority:** authority in charge of regulation of utilities or any other authority that may be established by the Law.

22° **Autorité de Régulation:** autorité chargée de la régulation de certains services d'utilité publique ou toute autre office pouvant être créé par la loi.

UMUTWE WA II: IGENZURA RIJYANYE NO KWIRINDA IMIRASIRE YANGIZA

CHAPTER II: REGULATION FOR RADIATION PROTECTION

CHAPITRE II: REGULATION DE LA RADIOPROTECTION

Ingingo ya 4: Kugenzura

Kugenzura ibijyanye no kurinda ingaruka z'imirasire yangiza bishyirwa mu bikorwa n'Urwego Ngenzuramikorere mu bwigenge n'ubwisanzure, kutabogama no mu mucyo.

Article 4: Regulation

The regulatory functions for radiation protection are performed by the Regulatory Authority in an independent, impartial and transparent manner.

Article 4: Régulation

Les fonctions de régulation de la protection contre les radiations sont exercées par l'Autorité de Régulation de manière indépendante, impartiale et transparente.

Ingingo ya 5: Ibyibandwaho mu kugenzura

Mu rwego rwo kugenzura ingaruka z'imirasire yangiza, urwego ngenzura mikorere rwibanda kuri ibi bikurikira:

- 1° gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigamije gushyira mu bikorwa iri tegeko;
- 2° gutanga, kuvugurura, guhagarika by'igihe gito cyangwa gutesha agaciro uburenganzira, impushya n'ibyemezo byatanze no gushyiraho ibisabwa byerekeranye no gukora ibikorwa bifatanye isano n'imirasire yangiza;
- 3° kugenzura, gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bifatanye isano n'imirasire yangiza;
- 4° gufatira ibyemezo n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi abatubahiriza amabwiriza yashyizweho;
- 5° kugenzura ko ibyategetswe gukosorwa byubahirijwe n'abahawe uruhushya igihe byagaragaye ko ahakorerwa ibyo

Article 5: Major focus of the regulation

The Regulatory Authority with regards to regulating radiation protection, focuses mainly on the following:

- 1° to put in place regulations and guidelines and rules for implementing this Law;
- 2° to grant, amend, temporarily suspend or revoke authorizations, permits and licenses issued, as well as set conditions for ionising radiations related activities;
- 3° to inspect, monitor and assess ionising radiations related activities;
- 4° to enforce administrative measures and penalties in the event of non-compliance with the established regulations;
- 5° to ensure that corrective actions taken to counter unsafe or potentially unsafe conditions detected at the location where

Article 5: Principal objet de régulation

En matière de radioprotection, l'Autorité de Régulation a pour objet principal ce qui suit :

- 1° mettre en place des règlements et des lignes directrices et les règles d'application de la présente loi;
- 2° accorder, modifier, suspendre temporairement ou révoquer les autorisations, permis et licences délivrés ainsi que fixer des conditions pour mener les activités liées aux rayonnements ionisants;
- 3° inspecter, surveiller et évaluer les activités liées aux rayonnements ionisants;
- 4° imposer des mesures et des sanctions administratives en cas de non-conformité aux règlements mis en place;
- 5° veiller à ce que les mesures correctives prises contre les conditions dangereuses ou potentiellement dangereuses

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

bikorwa hateje cyangwa hashobora guteza ibyago;	licensed activities are taken place are complied with by the licensees ;	défectées à l'endroit où se déroulent les activités autorisées sont respectées par les détenteurs de licences ;
6° gushyiraho, gufata neza no kuvugurura urutonde rw'Igihugu rw'ibikorwa n'ibintu byifitemo cyangwa bibyara imirasire yangiza ;	6° to establish, maintain and update a national register of ionising radiations sources;	6° mettre en place, maintenir et mettre à jour un registre national des sources de rayonnements ionisants;
7° kugaragaza ahantu n'ibintu byifitemo cyangwa bibyara imirasire yangiza;	7° to identify ionising radiations places, material or sources;	7° déterminer les lieux, les équipements et les sources des rayonnements ionisants ;
8° gushyiraho ibipimo ntarengwa by'imirasire yangiza ku bantu mu gukora ibikorwa bigenzurwa n'Urwego Ngenzuramikorere;	8° to establish dose limits of ionising radiations to persons in conducting activities whose regulation is carried out by the Regulatory Authority;	8° établir des limites de doses de rayonnement ionisant aux personnes en effectuant des activités dont la régulation est menée par l'Autorité de Régulation;
9° gushyiraho amabwiriza hagamiywe gusigasira umutekano w'ibikoreshe byifitemo imirasire yangiza n'ibikorwaremezo bibishamikiyeho no gushyiraho ingamba zigamiye gutahura, gukumira no guteganya guhangana n'ingaruka zaterwa n'ibikorwa bitemewe cyangwa by'ubugizi bwa nabi byakoreshe imirasire yangiza;	9° to establish regulatory measures for the security of radioactive materials and associated facilities, and establish measures for the detection, prevention and response to unauthorized or malicious acts involving ionising radiations materials or facilities;	9° mettre en place des mesures réglementaires pour assurer la sécurité des matériaux radioactifs et des installations connexes, et mettre en place des mesures pour la détection, la prévention et mécanismes de répondre aux actes non autorisés ou malveillants impliquant des rayonnements ionisants;

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

10°gufatanya n'izindi nzego bireba mu gushyiraho uburyo buhoraho bwo guhangana n'impanuka zikomoka ku mirasire yangiza;	10°to cooperate with other relevant agencies in establishing and maintaining a plan for preparedness for and response to ionising radiations emergencies;	10°coopérer avec d'autres institutions concernées pour mettre en place et maintenir un plan de réponses aux urgences rayonnements ionisants;
11°gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera mu kugira uruhare mu bikorwa byo kwirinda ingaruka z'imirasire yangiza;	11°to cooperate with other public or private bodies involved in radiation protection;	11°coopérer avec d'autres institutions tant publiques que privées impliquées dans la radioprotection;
12°guhanahana amakuru no gufatanya n'inzego ngenzuramikorere zo mu bindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga bireba, mu gihe rwuzuzwa inshingano zarwo;	12°to exchange information and cooperate with regulatory bodies in other Countries and with relevant international organizations while exercising its responsibilities;	12°échanger des informations et coopérer avec d'autres organes de régulation des autres pays et organisations internationales compétentes dans l'accomplissement de ses attributions;
13°gushyiraho uburyo buboneye mu kumenyesha no kugisha inama abaturage n'abandi bafatanyabikorwa ku byerekeye uburyo bwo kugenzura ibikorwa bifatanyeye isano n'imirasire yangiza mu birebana n'umutekano, ubuzima n'ibidukikije harimo impanuka n'ibindi bishobora kubaho ku buryo butari busanzwe;	13°to establish appropriate mechanisms and procedures for informing and consulting the public and other stakeholders about regulatory process of ionising radiation related activities as to the safety, health and environmental aspects of regulated activities and practices, including incidents, accidents and abnormal occurrences;	13°mettre en place des mécanismes et des procédures appropriés pour informer et consulter le public et d'autres parties prenantes sur le processus de régulation et les aspects liés à la sûreté, la santé et l'environnement des activités et pratiques réglementées, y compris les incidents, les accidents et les événements inattendus;
14°kugira inama Guverinoma ku	14°to advise the Government on	14°conseiller le Gouvernement sur les

byerekeye ibikorwa bifitanye isano no kwirinda imirasire yangiza;

matters relating to radiation protection;

questions relatives à la radioprotection;

15°gukurikirana ishyirwamubikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yerekeye kwirinda ingaruka z'imirasire yangiza yemejwe burundu n'u Rwanda;

15°to ensure the implementation of international conventions related to radiation protection ratified by Rwanda;

15°assurer la mise en œuvre des conventions internationales relatives à la radioprotection ratifiées par le Rwanda;

16°kugaragaza ibikorwa bisonerwa igenzura;

16°to specify activities exempted from regulatory control;

16°spécifier les activités exonérées de contrôles de régulation ;

17°gukora ikindi cyose cya ngombwa kigamiye kurinda imirasire yangiza abantu, ibidukikije n'urusobe rw'ibinyabuzima.

17° to perform any other activity meant for guarding people, environment and biodiversity against ionising radiations.

17° s'occuper de toute autre activité visant la protection des personnes, de l'environnement et de la biodiversité contre les rayonnements ionisants.

UMUTWE WA III: IKORESHWA N'IGENZURA RY'IBINTU BYIFITEMO CYANGWA BIBYARA IMIRASIRE YANGIZA

CHAPTER III: USE AND SURVEILLANCE OF RADIOACTIVE MATERIALS OR IONISING RADIATIONS SOURCES

CHAPITRE III: UTILISATION ET SURVEILLANCE DES MATIERES RADIOACTIVES OU DES SOURCES DE RAYONNEMENTS IONISANTS

Ingingo ya 6: Gukora ibintu bibyara imirasire yangiza

Article 6: Manufacture of ionising radiations sources

Article 6: Fabrication des sources de rayonnements ionisants

Umuntu wese wifuza gukora cyangwa gutangiza ibikorwa bifitanye isano no gukora ibintu bibyara imirasire yangiza agomba kubisabira uruhushya rutangwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

Any person who intends to manufacture or undertake any activity related to the production of ionising radiations sources must apply for authorization from the Regulatory Authority.

Toute personne désireuse de fabriquer ou d'entreprendre toute activité en rapport avec la production de sources de rayonnements ionisants doit demander une autorisation auprès de l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 7: Imicungire y'imirasire yangiza mu gucukura no gutunganya amabuye y'agaciro

Umuntu wese wemerewe gucukura cyangwa gutunganya amabuye y'agaciro yifitemo imirasire yangiza cyangwa agaragaza ibimenyetso by'imirasire yangiza agomba kwita kuri ibi bikurikira:

1° gukora inyigo y'ibanze y'ahantu hazacukurwa igaragaza imiterere y'ikirombe mbere yo gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye no gucukura no gutunganya amabuye y'agaciro;

2° gushyiraho uburyo bw'ikurikirana n'igenzura rigamije gukusanya amakuru ya ngombwa agaragariza Urwego Ngenzuramikorere ko imirasire yangiza ituruka aho hantu no mu bisigazwa by'ibyatunganyijwe itarenze ibipimo ntarengwa ku buryo byahumanya ibidukikije cyangwa ubuzima bw'abantu;

3° umutekano w'abakozi abaha

Article 7: Ionising radiations management in mining and milling

Any person authorized to exploit a mining or milling site of radioactive or naturally occurring radioactive materials must ensure the following:

1° to conduct a baseline environmental survey to assess the site's existing environment prior to any other mining activity;

2° to establish monitoring and surveillance programme to obtain the data necessary to demonstrate to the Regulatory Authority that environmental and radiological contamination is not exceeding regulatory standards (and that possible releases from tailings or waste are not likely) to cause unacceptable radiological exposure to the environment or to human health;

3° safety of his/her employees by

Article 7: Gestion des rayonnements ionisants dans l'exploitation minière et fraisage

Toute personne autorisée à exploiter un site minier ou de fraisage de matières radioactives ou matériaux radioactifs naturellement présents doit s'assurer de ce qui suit:

1° mener une étude environnementale préliminaire pour évaluer l'environnement existant du site avant toute autre activité minière ;

2° mettre en place un programme de suivi et surveillance pour obtenir les données nécessaires pour démontrer à l'Autorité de Régulation que la contamination environnementale et radiologique ne dépasse pas les normes réglementaires (et que les rejets des résidus ou des déchets ne sont pas susceptibles de) pour causer une exposition radiologique inacceptable à l'environnement ou à la santé humaine ;

3° la sécurité de ses employés en

ibikoresho byo kwirinda, gufata neza kandi agenzura ku buryo ngarukagihe inyubako, inganda n'ibikoresho no gutanga imirimo ku buryo abakozi basimburana hagamijwe kubarinda ingaruka z'imirasire yangiza.

providing protection equipment, maintaining and periodically inspecting the buildings, plants and equipment and organizing work in shifts so as to protect employees against risks of ionising radiations.

fournissant des équipements de protection, en maintenant et inspectant périodiquement les bâtiments, les usines et équipements et doit organiser le travail en équipes de permutation afin de protéger les employés contre les risques de rayonnements ionisants.

Inyigo y'ibanze y'ahantu hazacukurwa n'uburyo bw'ikurikirana n'igenzura bigomba kwemezwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

The baseline environmental survey as well as monitoring and surveillance programme must be approved by the Regulatory Authority.

L'étude environnementale préliminaire ainsi que le programme de surveillance doivent être approuvés par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 8: Kuboneza ibipimo no gufata neza ibikoresho bibyara imirasire yangiza

Article 8: Calibration and maintenance of ionising radiations equipment

Article 8: Calibrage et entretien des appareils de rayonnements ionisants

Mu kuboneza ibipimo no gufata neza ibikoresho bibyara imirasire yangiza, hagomba kwitabwa kuri ibi bikurikira:

To calibrate and maintain ionising radiations equipment, the following must be taken into consideration:

Le calibrage et l'entretien des appareils de rayonnements ionisants doit tenir en considération ce qui suit:

- 1° uwahawe uruhushya wese agomba kuboneza ibipimo no gufata neza ibikoresho bye bibyara imirasire yangiza, uko kubifata neza kugomba gukorwa mu buryo butabangamira urusobe rw'ibinyabuzima, ibidukikije, ubuzima n'umutekano w'abantu babikoresha cyangwa bakagirwaho

- 1° every licensee must calibrate and maintain his/her ionising radiations equipment and such maintenance is carried out in a condition that must not endanger the biodiversity environment and the health or safety of persons operating or affected by the operation of the equipment;

- 1° chaque détenteur de licence doit calibrer et entretenir son appareil de rayonnements ionisants et cet entretien doit s'effectuer de façon à ne pas mettre en danger la biodiversité, l'environnement, la santé ou la sécurité des personnes qui opèrent ou qui sont affectées par le fonctionnement de cet

ingaruka n'imikorere yabyo;

2° kuboneza ibipimo no gufata neza icyo gikoresho bigomba gukorwa ku buryo gikomeza gukora icyo cyakorewe.

Umukozi ubonye ko akoresha igikoresho kibyara imirasire yangiza kitubahirije ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agomba guhita ahagarika ikoresha ry'icyo gikoresho kandi akamenyesha mu nyandiko umukoresha we impamvu zabimuteye.

Ingingo ya 9: Gahunda yo kugenzura ubuziranenge

Uwahawe uruhushya agomba gushyiraho no kubahiriza gahunda yo kugenzura ubuziranenge bw'ibikorwa bibyara imirasire yangiza nk'uko byemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 10: Gutumiza, kohereza mu mahanga no gucunga imyanda yifitemo imirasire yangiza

Gutumiza mu mahanga imyanda yifitemo imirasire yangiza birabujijwe.

2° the calibration and maintenance must be carried out in such way that the equipment performs the function for which it was intended and designed.

An employee who finds that he/she is operating ionising radiations equipment that does not comply with the provision of Paragraph One of this Article, must immediately cease operation of that equipment and in writing inform his/her employer about the reason for so doing.

Article 9: Quality assurance programme

The licensee must establish and implement a quality assurance program for ionising radiations activities as defined by the Regulatory Authority.

Article 10: Import, export and management of radioactive waste

The import of radioactive waste is prohibited.

appareil;

2° le calibrage et l'entretien doivent être effectués de telle sorte que l'appareil exerce la fonction pour laquelle il était destiné et conçu.

Un employé qui constate qu'il fait fonctionner un appareil de rayonnements ionisants qui ne se conforme pas à la disposition de l'alinéa premier du présent article, doit immédiatement cesser d'utiliser cet appareil et notifier par écrit son employeur du motif de cette cessation.

Article 9: Programme d'assurance de la qualité

Le détenteur de licence doit établir et mettre en œuvre un programme d'assurance de la qualité pour les activités de rayonnements ionisants, tel que déterminé par l'Autorité de Régulation.

Article 10: Importation, exportation et gestion de déchets radioactifs

L'importation de déchets radioactifs est interdite.

Official Gazette n° Special of 25/01/2018

Kohereza mu mahanga imyanda yifitemo imirasire yangiza biremewe mu gihe byatangiwe uruhushya n'Urwego Ngenzuramikorere.

The export of radioactive waste is allowed upon authorization by the Regulatory Authority.

L'exportation de déchets radioactifs est permise sous l'autorisation de l'Autorité de Régulation.

Urwego Ngenzuramikorere rushyiraho Amabwiriza agenga imicungire y'imyanda yifitemo imirasire yangiza.

The Regulatory Authority sets up regulation governing radioactive waste management.

L'Autorité de Régulation met en place le règlement régissant la gestion de déchets radioactifs.

Ingingo ya 11: Inshingano z'ufite ibikorwa bibyara imyanda yifitemo imirasire yangiza

Article 11: Duties of the radioactive waste generator

Article 11: Attributions du producteur des déchets radioactifs

Ufite ibikorwa bibyara imyanda yifitemo imirasire yangiza afite inshingano zo gutanga ibikenewe byose hagamijwe gucunga iyo myanda no kuyivanaho harimo na gahunda igaragaza uburyo bwo gukuraho ibyo bikorwa.

The radioactive waste generator is responsible for providing all necessary resources for radioactive waste management and decommissioning including a decommissioning plan.

Le producteur des déchets radioactifs est tenu de fournir toutes les ressources nécessaires pour la gestion et le déclassément des déchets radioactifs, y compris un plan de déclassément.

Ingingo ya 12: Kuvanaho imyanda yifitemo imirasire

Article 12: Disposal of radioactive waste

Article 12: Evacuation des déchets radioactifs

Nta muntu ushobora kuvanaho cyangwa gutegeka gukuraho imyanda yifitemo imirasire yangiza cyeretse abyemerewe mu nyandiko n'Urwego Ngenzuramikorere.

No person can dispose of or cause to be disposed of any radioactive waste, except with prior written approval of the Regulatory Authority.

Nul ne peut évacuer ou faire évacuer tout déchet radioactif sauf en cas d'approbation préalable écrite de l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 13: Kuvanaho imyanda yifitemo imirasire yangiza bikozwe n'Urwego Ngenzuramikorere

Igihe cyose imyanda yifitemo imirasire yangiza igaragaye ahanu aho ariho hose kandi Urwego Ngenzuramikorere rukaba rubona ko iyo myanda ishobora kudakurwaho neza, Urwego Ngenzuramikorere rufite ububasha bukurikira:

1° kuvanaho iyo myanda yifitemo imirasire yangiza mu buryo Urwego Ngenzuramikorere rubona ko buboneye;

2° kugaruza amafaranga yose yakoreshejwe n'Urwego Ngenzuramikorere mu ikurwaho ry'imyanda yifitemo imirasire yangiza ku muntu wagaragaweho kuba nyirabayazana.

Ingingo ya 14: Gutwara ibintu byifitemo imirasire yangiza

Gutwara ibintu byifitemo imirasire yangiza ku butaka bw'u Rwanda bigomba kuzuza ibisabwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

Article 13: Disposal of Radioactive waste by the Regulatory Authority

Whenever radioactive waste is found in any place and the Regulatory Authority is of the opinion that the radioactive waste is unlikely to be fully disposed of, the Regulatory Authority has power to:

1° dispose of that radioactive waste in such a manner as the Regulatory Authority considers appropriate;

2° recover any expenses incurred by the Regulatory Authority in disposing of the radioactive waste from the person found liable for the act.

Article 14: Transportation of radioactive materials

Transportation of radioactive materials within the jurisdiction of Rwanda must be subject to the requirements established by the Regulatory Authority.

Article 13: Evacuation des déchets radioactifs par l'Autorité de Régulation

Chaque fois que les déchets radioactifs sont trouvés dans n'importe quel lieu et que l'Autorité de Régulation est d'avis que ces déchets ne seraient pas complètement éliminés, l'Autorité de Régulation a le pouvoir de faire ce qui suit:

1° évacuer ces déchets radioactifs de manière jugée appropriée par l'Autorité de Régulation;

2° recouvrer auprès de la personne responsable tous les frais encourus par l'Autorité de Régulation dans l'évacuation des déchets radioactifs.

Article 14: Transport de matériaux radioactifs

Le transport de matériaux radioactifs sur le territoire du Rwanda est soumis aux conditions établies par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 15: Isuzuma ngarukagihe ry'ubuzima bw'umukozi

Umukoresha agomba kwita ku isuzuma ngarukagihe ry'ubuzima bw'abakozi be hakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'Urwego Ngenzuramikorere.

Iyo Urwego Ngenzuramikorere rubonye ko imiterere y'ahakorerwa imirimo ibangamiye ubuzima bw'umukozi, rufata ingamba ziteganyijwe muri iri tegeko no mu mabwiriza arebana na ryo.

Ingingo ya 16: Ibikoresho bibyara imirasire yangiza bibujijwe

Nta wemerewe gukoresha cyangwa kwifashisha igikoresho icyo ari cyo cyose kibyara imirasire yangiza iyo kugikoresha cyangwa kukifashisha bibujijwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 17: Ibipimo ntarengwa by'imirasire yangiza

Ufite uruhushya kandi afite igikoresho kibyara imirasire yangiza agomba kugenzura ko igipimo k'imirasire yangiza igera ku bantu kiri hasi mu buryo bushoboka.

Article 15: Periodical assessment of employee's health

The employer must cater for periodic medical assessment of his/her employees in accordance with regulation established by the Regulatory Authority.

If the Regulatory Authority finds that the working environment is detrimental to the health of any employee, it takes measures as provided for in this Law and related regulations.

Article 16: Prohibited ionising radiations equipment

No person shall use or operate any ionising radiations equipment if its use or operation is prohibited by the Regulatory Authority.

Article 17: Ionising radiations exposure limits

The licensee with equipment that produces ionising radiations must ensure that exposure of persons to ionising radiations is kept as low as possible.

Article 15: Examen périodique de la santé de l'employé

L'employeur doit assurer l'examen médical périodique de ses employés conformément aux règlements établis par l'Autorité de Régulation.

Si l'Autorité de Régulation juge que le lieu de travail est préjudiciable à la santé de tout employé, elle prend des mesures définies par la présente loi et les règlements y relatifs.

Article 16: Equipement de rayonnements ionisants interdit

Nul ne peut utiliser ou faire fonctionner un équipement de rayonnement ionisant si son utilisation ou son fonctionnement est interdit par l'Autorité de Régulation.

Article 17: Limites d'exposition aux rayonnements ionisants

Le détenteur de licence qui a un appareil émettant des rayonnements ionisants doit s'assurer que les doses reçues par des personnes sont maintenues au niveau le plus bas qu'il soit raisonnablement possible d'atteindre.

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu gika cya mbere k'iyi ngingo, imirasire yangiza ntigomba kurenga ibipimo ntarengwa biteganywa mu mabwiriza ashwirwaho n'Urwego Ngenzuramikorere.

Without prejudice to the provisions of Paragraph One of this Article, the exposure of persons to ionising radiations shall not exceed the dose limits prescribed in the regulations established by the Regulatory Authority.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'exposition des personnes aux rayonnements ionisants ne doit pas dépasser les limites de dose prescrites dans les règlements établis par l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 18: Kumenyesha impanuka n'ahagaragaye ibipimo bikabije by'imirasire yangiza
